K0145624

| | | |
|---|---|---|
| **Identification** | : | **C. 58/K95 0192 03/04/94** |
| **Duration** | : | **60 min.** |
| **Quality** | : | **Good** |
| **Transmission** | : | **RTLM** |
| **Name of transcriber** | : | **MUTETELI Pénine-Joie** |
| **Name of file** | : | **0192rtlm. wpd** |
| **Date of transcription** | : | **19/5/2000** |
| **Dictaphone** | : | **ExpressWriter Model 2750-6SN516525-51** |

**FACE A**

**Orateur : HITIMANA Noël, journaliste de la RTLM.** **00min00sec**

... nababwiye ko turabanza kumva umuzika w'amadini, ni "programu" ni ko nabiteganije, reka tubanze twumve kuri uwo muzika. Dufite saa mbiri na cumi n'itanu, nyuma turi buze gukomeza tubagezaho n'inkuru zishyushye, zirahari. (Musique religieuse)

...ta, ahasigaye nyine ee... wongere ube igisore, wongere ube igisore batazagira ngo muri Leta y'ubu ntibahemba. Hah hah hah hah! (Agiseka) Barahemba, barahemba, barahemba rwose turashishe, nta kibazo ariko na Gishwati ikatumenya, bati jya ufata ka fromage ujye ushyira mu nda, nta kibazo fromages zirahari za Gishwati.

Ubu ngubu ndimo ndarumanga, ntabwo ari ukurumanga kubera ko nabuze wenda imboga zo gushyiraho, buriya n'akanyama kazakurikiraho nta kibazo muri Gishwati barorora, barorora.

Ariko hano mfite inoti ya magana atanu, iyi noti yanyobeye ukuntu yakozwe n'ukuntu imeze, inoti ya cinq cents francs, y'amafranga magana atanu, amafranga magana atanu ariko umugabo SHIRUBWIKO Matiyasi uyinzaniye wo muri Commune Giciye, ni we... iyi noti njye ni bwo nayibona ubwa mbere, inoti iriho ifoto ya Jenerali, ifoto ya Jenerali rwose ari muri emblème, hum! Han! Rwose ari muri emblème! Nomero zayo ni Z 10501 hejuru no hasi ni uko ahagana iburyo, Z 10501 yo ku itariki ya cumi n'icyenda z'ukwezi kwa kane irindwi n'ii... irindwi na kane.

Ati "njyewe rero SHIRUBWIKO Matiyasi" ati "hari ahantu nagiye gufata agatama nyuma barangarurira", ati "bangaruriye mbona m... ibitangaza", ati "mu zo bangaruriye zose ndikureba ndikureba ndikureba", ati "mbonamo iyi noti ya magana atanu" ati "ndumirwa". Ati "iyi noti rero Noheli yirebe", ati "izi noti se zasohotse gihe ki? Zikoreshwa he? Zabayeho gihe ki"? Nanjye simbizi, simbizi wenda abakora muri Banque nationale, kubera ko ari ho amafranga..., inoti z'igihugu zisohokera wenda bo baba bandusha kubimenya bambwira bakansobanurira.

Hasinye, hasinye Gouverneur, hasinye na Administrateur, ni bo basinyeho, basinyeho ku itariki ya cumi n'icyenda z'ukwezi kwa kane mirongo irindwi n'i... irindwi na kane, ni kera, agomba kuba yari BIRARA ari we wa... wategekana ahari icyo gihe. Niba ari byo, bigomba kuba ari byo ariko. Noneho rero, itegeko rihana umuntu wese uzigana iyi noti, byose birahari, na wa musaza inyuma wikoreye agaseke arahari ari mu cyayi, ndabona ari icyayi rwose, iriya foto ni iy'icyayi, ni iy'icyayi harimo n'ibindi biti, nyuma iruhande nyine, payables à vue biranditse, hum, la loi punit le contrefacteur, byose byanditseho. Ni inoti rwose ya magana atanu ariko irimo Jenerali, irimo Jenerali rwose yambaye imyenda, hum, imyenda iyi ngiyi y'abasirikari iyo ba... bari mu munsi mukuru bikomeye, hum, ni yo yambaye rwose.

**03min00sec**

Iyi note rero njye ni bwo bwa mbere nayibona, kuri RTLM haba igihe tubonye ibitangaza. Na we yambwiye ati "ni igitangaza nabonye", ati "iyi noti"... nti uzayimaza iki se? Ati "nzayibika mu buzima bwanjye bwose", ati "nzayibika" ati "n'abana banjye n'abuzukuru n'abuzukuruza n'ubuvivure" ati "bazayibone bamenye ko higeze kubaho inoti irimo Jenerali". Ni bwo bwa mbere njye nayibona, iyo ni inkuru ishyushye.

Ariko rero, inkuru ni nyinshi, mu gihe tutari twumva neza andi makuru, ab'i Shyorongi barantelefonnye bati, bati "njyewe", hum, "TWILINGIYIMANA Agustini wo muri Segiteri Rusiga", hum, ati "murebe ukuntu mwatwiyamira abantu batuma tudasinzira", ati "bariya Batutsi batuma tudasinzira badushyira kuri raporo bakazohereza kugira ngo Inkotanyi zitumare", ati "none Noheli" ati "bivuge nidupfa tuzapfe babizi, babizi". No mu Gasyata kwa UZABAKILIHO nyine, babyumvise batuye mu Gasyata mwumvise ukuntu byaraye bikomeye, byaraye bikomeye ndetse na MINUAR ikaba yahageze, ukuntu igitero cyari cyateye. Ubu ndaba nti... mu Gasyata kwa UZABAKILIHO niba bakiriho, niba akiriho, hum, na we abitubwire, ariko amenye ko twabimenye, ko nyine na MINUAR yamutabaye.

Hum, heeh, kwa KIGINGI se ku Munena! Hah hah! Kwa KIGINGI ku Mumena, amasasu njye nyumvira hafi wagira ngo aba avugira mu buriri bwanjye, hem! Kwa KIGINGI, bamwita HABYARA kubera ko akunda HABYALIMANA, kwa KIGINGI rero, uriya mumotari,

K0145627

mumotari wi... wihebeye Président wa Repubulika ati "nzemera banyice ariko mukunde".

Mumeze mute ku Mumena? Ku Mumena mumeze mute? Ni mukomere. Reka tubature agasengesho, akaririmbo k'Imana nyuma dukomeze dusenge (sous un fond sonore) kurama ni ukuramuka ibindi bibara Imana. ♫

... (sous un fond sonore) w'i Kigali, w'i Kigali. Nababwiye ko turi mu byishimo bya Pasika ariko kandi hari n'abababaye, hari n'abababaye, hari umuryango wa RWABUZISONI Jean de Dieu, muganga mu bitaro by'i Kigali, umenyesha abavandimwe n'incuti ko umubyeyi we KWISABA Ogustini utuye muri Commune Kidaho Segiteri ee... Gitaraga, ni Gitaraga, ko yitabye Imana ejo ku wa gatandatu tariki ya kabiri Mata mirongo icyenda na kane. Umihango wo kumushyingura irabera muri Commune Kidaho iwe imuhira nyuma ya saa sita. Incu... **05min05sec**

Mu Kidaho, abaturage bo muri iyo zone tampon, hum, baratakambita Leta, nubwo bapfushije ariko baratakambira Leta, baratakambira Leata bati "nyabuna nimutabarire bugufi ishyano ryaratugwiriye Inkotani.. zikomeje ubugome bwazo, bati "ku itariki ya makumyabiri n'icyenda z'ukwezi kwa gatatu mirongo icyenda na kane, murumva rero ko ari ku wa kabiri ejobundi, hum, saa yine ku manwa.. umugabo witwa MUNYAMASOKO Yonasi, shoferi wa ONATRACOM, shoferi wa ONATRACOM rero kubera ko oo... uwo munsi yari yi... yifitiye ka konji, (arimyoje) ngo yagiye iwabo rero muri iyo Commune ya Kidaho, ahageze maze abantu bamwe bakorana n'Inkotanyi batanga nyine raporo, bamutangaho umwirondoro, umwirondoro wa Jonas, haah, ni uko rero MUNYAMASOKO Yonasi abimenye ati "ndapfuye, yee"..., ati "bamvuze mu Nkotanyi"!

Inkotanyi ziba muri zone tampon, ntabwo ziba aho zigomba kuba mu birindiro byazo, ashwi da! Zibera muri zone tampon. Yee..., muri ako kanya rero ubwo yafashe igare rye aranyaruka, agira ngo nyine akize amagara ajye mu Ruhengeri, agera mu... ahitwa mu Butete rero..., akigera mu Butete asanga Inkotanyi zamugose, hum, zirahamutanga zimufata rero mpiri, heeh, zitangira kumuh... kumwereka nyine, hum, uko umuntu amababara. Yirwanyeho yego birumvikana, ariko zanze... zaranze ziramutwara, uwo MUNYAMASOKO zaramutwaye, zaranze ziramutwara,

K0145628

abaturage babibonye rero batyo, hum, zimutwaye bati... bitabaza MINUAR.

Kubera ikibazo kiri mu Kidaho, kiri muri zone tampon iriya ruguru mu majyaruguru y'igihugu, ni uko ahari MINUAR ntabwo haba abajandarume. Hum, kandi ubundi baravuze ngo abajandarume bagomba gokorana na MINUAR neza neza bakaba bari kumwe ahantu hose, kuko abo "baminuwari" (MINUAR) bo muri za Ghana na za hehe, nta kinyarwanda bazi nta n'igifransa banazi, kandi abantu bazi icyongeleza ni Inkotanyi, Inkotanyi zo zizi icyongeleza kubera ko zavuye muri za Uganda no mu bindi bihugu by'icyongeleza, bo bazi kuvugana n'Inkotanyi bazibeshya.

Murumva rero ko abaturage bo muri za Cyeru, muri za Nkumba, za Kidaho, za Butaro, za Cyumba, za Cyungo, za hehe, kuger... hoo, kugera muri Muvumba, aho hose nta cyongeleza! Ariko niba MINUAR inahari, nta cyo yumva kuko nta cyo bumva. Murumva? **08min01sec**

Aba... abaturage rero nyine babibonye batyo nyine bati "reka tu... turebe ko twakwirwanaho", na bo barareba bati "natwe turafata Inkotanyi". Bafashe ebyiri rero. Bafata Inkotanyi ebyiri, barazifata na bo, ubwo baraziboshye nyine birumvikana, bazishyira "baminuwari", bati "muduhe umuntu wacu cyangwa izi Nkotanyi natwe tu... tuzurebere uburyo.

Umva... "baminuwari" rero ntabwo bafite u... uburenganzira bwo kugira ngo bicishe abantu, bo nyine ubwo babifashe mu...gi... diplomatie nyine nk'uko amategeko mpuzamahanga hum, abigenza, ni ukuvuga ngo... bati "turakora raporo", hum, bati "turabireba". Ni ko byagenze. Hum! MUNYAMASOKO rero kuva uwo munsi ntabwo araboneka. Ariko na bo baravuze bati "nitutabona MUNYAMASOKO, izi Nkotanyi nimuzazirekura tuzazica". Uri kumva, ni ikibazo cyabaye. Hum?

Bati "rero Radiyo RTLM" bati "mutuvugire ibyo bintu". Hum? Bati "baduhe abajandarume bafatanye na MINUAR kugira ngo tujye tubona umuntu dusemurira... udusemurira cyangwa tubwira ibibazo byacu, abwire abo banyamahanga bamenye ko bimere... bimeze". Urumva rero.

Bati... heh, bambajije ikibazo, erega banyandikiye ibarwa ndende! Bati "ni ko se banyamakuru ba RTLM", hum, "ko twakomeje kubivuga ko ari Inkotanyi zatwiciye abantu mu kwezi kwa cumi na kumwe k'umwaka ushize, hum! (Un bref silence) Ngo DALEYI ngo... (arasetse) dallai... (agiseka) DALLAIRE ukuntu bamwandika rero birakomeye! Hum, ngo "azakora anketi, izo za anketi ze ko zabuze, hum, ku manywa y'ihangu, ibyakozwe saa yine ku manwa.. nk'uko twabyiboneye n'amaso yacu, bizamera bite"?

Bati "twe rero" bati "tubona ko Leta y'u Rwanda ko yakohereza abajandarume bacu bakabana na MINUAR bakaturinda izo Nkotanyi zikomeje kuvogera ako karere.

Dore abantu tubona bakorana n'Inkotanyi..., babanditse, bati "abantu tubona bakorana n'Inkotanyi ni:

- SEBUCINGANDA wa Butete muri Kidaho. Hum!
- Lawu... Lawurensiya, Lawurensiya umugore wa ka... wa ka.aa...aa... KANYENYELI... KAJENYELI, hum, e... kayi... KAKENYELI... umugore wa GAKENYELI. Lawurensiya ni umugore wa GAKENYELI, kubisoma biraruhije, ni umugore wa GAKENYELI. **10min09sec**
- Uwitwa KURA, KURA wa Butete.
- Konseye wa Butete na we akorana n'Inkotanyi.
- Na HAGUMA, Inkotanyi ifite akabare kuri Commune Kidaho mu nzu w'uwo mugore wa GAKENYELI, ari na we uvugana n'"abaminuware" icyongeleza ajijisha abaturage. Ihnan, uwo nguwo we azi icyongeleza, HAGUMA, HAGUMA ni we uvuga icyongeleza.
- N'abasore bo muri Segiteri ya Gitare, ho... bo.. ahitwa ku Rusizi.
- N'abasore bo mu Burambi, nyine ngo bariyizi".

Ngo "dore biranze bivumbuye iby'abantu bacu bishwe urwagashinyaguro barimo:

- KANYAMIBWA Karoli we n'abagore be batatu n'abana be.
- GASOPU n'umugore, n'umugore we.
- Ee...MUTUMWA ee... Yosiya, MUTUMWA Osiya wajyanwe.. nijoro mu kwezi kwa gatanu

umwaka ushize n'ubu ngubu akaba ataraba... ba.ti...kaba batazi niba akiriho, Inkotanyi zaramutwaye".

Bati"rwose turatabaza mudutabare, mudutabarize mu Kidaho turashize, turashize kandi ni zone tampon".

Ariko rero MINUAR irabarebera kubera ko itazi uko bimeze, baza bambaye sivile nyine bakaba abaturage, bakivugira icyongeleza bakavugana na MINUAR ntimenye ibyo ari byo, ntibabyumva.

Bati "muduhe abajandarume nk'uko mwabivuze ngo "bazajya barakorana, mwarabyigiye", nanjye narabyumvise rwose. Ati.. "bazajya barakorana, nta MINUAR itagira Jandarumori", ..ti ba e... mu... "baduhe abajandarume rero twi... bajye barakorana, tugire uwo twi... dutakambiraho atubwirire abo banyamahanga uko bimeze. None si.. watanga informations ute se? None se wanosha nde? Wanosha umuntu utakumva.a... m... nk'ibiragi? Ati.. "dukora nk'ibiragi rero ni ko bimeze, ubinzaniye ntaho namuvuga muvuze barara bamwishe, bamuhitana, bamuhitana ariko kandi ubwo ngubwo numva abumva RTLM, mu bategetsi ni benshi kandi n'ubushobozi buriho. Nibabatabare naho ubundi ibintu bigeze "iwa NDABAGA".

Twumve umuzika w'amadini kubera ko kuri Pasika tugomba gusenga. ♬ **13min01sec**

...buze kubagezaho ibiganiro yo.. kwerekana mu cu... UKWIZAGIRA Gaspard, UKWIZAGIRA Gaspard, hah haah, bari bamugandaguye ejo, ejo bari bamugandaguye bari bamwivuganye, kandi bari bamwivuganye, bamwivuganye n'Ababiligi, abasirikare b'Ababiligi barimo babirebera! Hah haah! Bazatange raporo.

Dukomeze uwo muzika kubera ko UKWIZAGIRA Gaspard awukunda cyane.

... turaba dufite i saa tatu hano i Kigali, ahah hah, (agiseka) uyu munsi hari umuntu untelefonnye arambwira ati "Noheli ko ufite akanyamuneza byagenze bite"? Hum? Ati "umanza waje wishe umwaku sha"! Ndamubwira nti ni ukunywa icyayi mwana wa mama, uretse ko nta sukari

ikiboneka, isukari wenda i Kabuye irahari ariko irahenda, irahenda muri iki gihe ni ibihe bikomeye!

Ni ukubara, ni ukubara kugira ngo umwana atazabura, ah, nari ngiye kuvuga ngo ibijumba, ibijumba i Kigali birahenda kurusha ibirayi, bikubye kabiri! Ikilo cy'ibijumba gikubye kabiri ikilo cy'ibirayi! Ibintu byarakomeye, igitoki tukivuze waba ushaka kugira ngo wice umuntu! Kuko igitoki cyaguraga ijana cyagura magana inani! Ibintu byarakomeye! Byarakomeye nta wakwisukira ku kijumba cyangwa ku gitoki! Ubu ngubu dusigaye tu... dushakishiriza wenda mu... ku... ku gaceri, ibishyimbo na byo byarazamutse.

Nahoze mbaza ngo ikilo angahe? Ngo mirongo irindwi n'atanu, mirongo inani, ikilo cy'ibijumba angahe? Mirongo ine - mirongo itanu, hum! Ikilo cy'igitoki ni angahe? Mirongo ine - mirongo itanu, hum! Nyamara ibirayi biracyari kuri makumyabiri n'ane da, makumyabiri n'abiri-makumyabiri n'atatu gutyo. Hum! Ni ho umuntu ashobora ..kuhendahendera. Hum! Ni uguhendahenda amaramuko! Ubu rero nta wavuga ngo ngo iki! Ahaa! Ngo byagenze bite?

RUDATSIKIRA Joseph mu Gatenga, reka nkuramutse mwana wa mama, nkuramutse umeze nka Noheli, Inkotanyi nta gihe zitatuvuga mu maradiyo yazo, niba ari ukutwogeza cyangwa se niba ari ukuduteguriza urupfu, nta wamenya ibyo ari byo. Ariko kandi iyo byagiye hanze, umwishe baba bamuzi kandi n'abamuhorera baba bahari. Nta kibazo cyaba kirimo ko upfuye aba yi... baba bagushyize mu majwi, si kimwe no gupfa butama nta muntu wakuvuze. Iyo bakuvuze baba barakuvuze nyine. Umu... haa, bajya bavuga ngo... haa, (arahigimye) umuntu arasura ahubwo ibyiza akanutsa, ibyiza ni uko yanutsa, umuntu ntapfe kugira gutya ngo avugire mu matamatama. Ibintu iyo biriho biravugwa, kandi iyo umugabo ariho agomba gukora akazi aragakora, iyo atagakoze apfa bubwa. Apfabubwa rero, ntutinye Inkotanyi ziriho ziguharanga ku maradiyo, kuri Radiyo zabo, Radiyo Muhabura, ngo "wowe" ngo "waritoresheje" ngo "uri Responsable wishyizeho", kandi abantu baragutoye. Aha haa! **15min07sec**

Ndamutse BIKINDI Simoni, BIKINDI Simoni, bati "umva BIKINDI Simoni na cya kiradiyo cyabo cya RTLM birwa biharangaho", bati "BIKINDI Simoni"! Ariko BIKINDI naramubajije

nti se wa mugabo wirabura, cya kigabo kinini kirabura ko wanze kuvuga izina rye byagenze bite? Eh! Ati "burya nanze kumuvuga kubera ko ari umuntu twabonanye imbonankubone", ati "nkaba naramuhaye remarque turebana dutya", ati "narabimubwiye mubwira ko niba anshaka azambona, kandi niba ngize icyo mba azabonwa na we n'abandi bazamubona". Hapfa BIKINDI ba BIKINDI basigara, na NDADAYE yarapfuye mu Burundi, ba NDADAYE ubu ngubu baragakora, baragakora ba NDADAYE basigaye. Nta kibazo kirimo "urwishigishiye ararusoma", ariko kandi "urwishigishiye ararusoma". Ariko kandi haa... ngo "ZILIMWABAGABO ni umwana w'Umunyarwanda". Abantu baba bumva, baba bumva.

Ubwo rero ndagira ngo mbashyirireho ikiganiro, uwo muzika wo... w'amadini, turibuze kongera kujya tuwuvangavangamo mu matangazo yacu mu kanya tumaze kumva n'ibiganiro.

Abantu rero bamaze iminsi bahwihwisa, bahwihwisa ko NZAMURAMBAHO Frederiko, Président w'ishyaka PSD bamutumiye muri anketi z'urupfu rwa GATABAZI Felesiyani akanga kwitaba, yanze kwitaba rero. Yanze kwitaba koko, nk'uko Procureur général w'Urukiko Rusesa Imanza, Bwana MBARUSHIMANA Bonaventure, hum, yabitangarije GAHIGI Gaspard, Rédacteur en chef wa RTLM. Nk'uko yabitangaje rero, reka mubyumve ukuntu bimeze. Ubu heh heh, (agiseka) ukuntu uwo mugabo NZAMURAMBAHO Fréderiko yanangiye ati "sinitaba urukiko. Hum! Kuri iki cyumweru cyanyu cya Pasika, iyo nkuru namwe muyishyire mu gutwi mwumve aho ibintu bigeze.

**Orateur : GAHIGI Gaspard, journaliste de la RTLM. 17min06sec**

**- Bwana NZAMURAMBAHO Frederiko, Président w'ishyaka PSD, bamutumiye kuri "ankete" zerekeranye n'urupfu rwa Nyakwigendera GATABAZI Felesiyani wari Umunyamabanga mukuru w'iryo shyaka. Nkaba ngize Imana rero mbonye MBARUSHIMANA Bonaventure, Procureur général wa Cour de cassation, nkagira ngo, Bwana Procureur général utubwire koko niba i... ibyo bintu abantu bahwihwisa ari byo, niba waratumiye Bwana NZAMURAMBAHO Frederiko, Président w'ishyaka PSD akanga kukwitaba.**

**Orateur : MBARUSHIMANA Bonaventure, procureur général près la Cour de cassation.**

- Bon, murakoze GAHIGI. Ee... koko ibyo mwumvise ni byo, kuko uwo Ministre NZAMURAMBAHO Frederiko yaratumijwe koko, ariko mbere y'uko umunsi wo kwitaba ugera hari abantu bahwihwisaga bavuga ko uwo muntu atazigera yitaba. Njye numvaga bidashoboka ko umuntu yakwanga kwitaba, e... cyane cyane igihe adafite ibyo yikeka.

Hn... ibyo wumvise rero ni byo, umuntu yaratumijwe ntiyitaba. Ariko rero bikaba bibabaje cyane, ee... muri iki gihe kubona abategetsi bamwe na bamwe umuntu abatumira akurikije amategeko bakanga gusubiza, kandi amategeko avuga ko nta wuri hejuru y'amategeko, uwo ari we wese.

Ikindi kandi kibabaje, ni uko mu gihe habaye amarorerwa nk'ariya abantu bose, abo ari bo bose, baba abategetsi, baba abaturage, bagombye kugeza ku babishinzwe ikintu cyose cyafasha ubucamanza kugera ku kuri, ku buryo abo bagirana... abagiranabi bakurikiranwa.

**- Bwana Procureur Général, uvuze ko yanze kwitaba, nibuka ko mu masezerano y'Arusha bavuga ko u Rwanda ari igihugu kigendera ku mategeko, ko nta muntu rero ugomba kuba hejuru y'amategeko. Akomeje kwanga kwitaba, igihano mwamuhanisha ni ikihe?**

- E... murakoze. Ubundi mu mategeko bavuga ko umuntu uhamagawe ee... n'umutegetsi cya... umutegetsi wo mu... bucamanza, umuntu ahamagawe mu rukiko ntiyitabe, ariko cyane cyane muri parike, igihe ahamagawe ntiyitabe, ashobora guhanishwa igifungo.oo... ee... cy'icyumweru, cyangwa se ihazabu y'amafranga ibihumbi bibiri. Cyakora simfite itegeko hamwe nanjye ubu ngubu kuko umfatira... umfa... ee... (arimyoje) duhuye ntabyiteguye, ubundi amategeko yacu ahana ateganya ko uwo muntu yahanwa.

Ariko ndagira ngo nkongerereho ko mu minsi iri imbere ee... amasezerano y'Arusha natangira gukurikizwa, bene bariya bategetsi bitazaba byemewe ee... ko bafungwa by'agateganyo. Ibyo ntibivuga ko abo bantu batafatwa ngo bahanwe, ariko rero muri iki gihe cya politique turimo ee... wasanga abantu bavuga ko umuntu afashwe kubera ishyaka iri n'iri arimo cyangwa se kubera ibitekerezo umu... kanaka uyu n'uyu afite. Ibyo rero umuntu akaba agomba kubigendamo

K0145634

yitonze.

Nkaba rero mvuga ko amategeko dukurikiza ateganya ko umuntu wanze kwitaba urukiko cyangwa se parike ahanwa, ee... ariko iyo ngingo nkaba ntayifite mu... nkaba ntayifite hano ngo nyigusomere uko imeze. Murakoze.

**- Hari akantu uvuze nagira ngo wenda abatwumva basobanukirweho gato, uravuze uti iyo bahamagaye umuntu w'umutegetsi, uti "cyane cyane nta cyo yikeka" uti "yari akwiye kwitaba". Ku bwawe se, Bwana Procureur Général, urabona NZAMURAMBAHO nta kintu yakwikeka kandi mu rupfu rwa GATABAZI bari hamwe mu nama bagatandukana, ndetse yagera mu rugo akumva ngo imbunda, akavuga ko zavugiye kwa GATABAZI, kandi ari Président w'ishyaka undi yari abereye Umunyamabanga, ntajyeyo ndetse bikazageza mu ma saa yine ataragerayo, urumva uwo muntu nta cyo yikeka?**

- Ee... icyo kibazo kirakomeye cyane, ariko rero nagira ngo nkubwire ko niyo naba nkeka ko Ministre NZAMURAMBAHO afite icyo yikeka, nkaba mbizi, ntabwo nabikubwira. Kuko, ngomba gukomera ku ibanga ry'akazi. Ubwo niyo naba mbizi sinabikubwira. Ubwo nabimenya ku giti cyanjye nkashakisha ibyamfasha gushyigikira ibyo ntekereza. Ariko rero niyo byaba ari byo, biba byo bitaba byo njyewe nti... simfite uburenganzira bwo kubikubwira.

**- Koko ni ibanga ry'akazi uti "ntabwo nabikubwira", nanjye ndabyemeye, ariko se abatwumva bazi ko mwatangiye "ankete", wenda we kutubwira niba aho zigeze niba hari icyo zifata, urabona hari icyo zizafata? Ziri mu nzira nziza?**

- Ee... ubwo umuntu yabyizera kuko ibintu e... birimwo abantu benshi, yego simvuga ko.oo... ee... abo bantu benshi ari bo bazatuma bigenda neza byanze bikunze, ariko umuntu yabyizera kuko..., yego babishyizemo MINUAR, hari na parike, hari na gendarmerie, hakaba na Parquet général ya Cour d'appel y'i Kigali. Ngira ngo quand même abo bantu bose nta kuntu babura ibintu ee... byafata abantu baba barakoze ayo marorerwa. Yewe, nizeye ko ibintu birimo abagabo nk'abo ngabo, abagabo umuntu yakwizera, abagabo b'inararibonye, bagombye kugira icyo bageraho kigaragara. Nizeye ko bitagombye kuba nk'ibya ba MAYUYA cyangwa se ibya ba GAPYISI, rwose nizeye ko ibi bintu byagombye kugira icyo bigeraho. (Un silence de 2 secondes). (Chanson: "*Voyage*" de KOFFI OLOMIDE)

**25min02sec**

**Orateur : HITIMANA Noël, journaliste de la RTLM.**

(Sous un fond sonore) Saa tatu n'iminota icumi hano i Kigali. Mumaze kumva, mumaze kumva ibya NZAMURAMBAHO Frederiko, Président w'ishyaka PSD, ukuntu bamutumiye mu rukiko, hee... kugira ngo yumve, yumve ibya anketi, bamubaze iby'anketi z'urupfu rwa GATABAZI Felisiyani akanga kwitaba.

Uwo mwumvaga rero Procureur Général w'Urukiko Rusesa Imanza, Bwana MBARUSHIMANA Bonaventure, mu kiganiro yagiranye na GAHIGI Gaspard. NZAMURAMBAHO Frederiko yigize akahakavahe kajyahe... akarahakajyahe hano i Kigali yanga kwitaba ubutegetsi ariko no ku Gikongoro, no ku Gikongoro ntiyoroheye abaturage b'ako karere ku buryo asigaye, asigaye abarirwa mu byago byugarije Gikongoro nk'inzara, nk'indwara, hum, yee... inzara n'i... n'indwara mujya mubyumva no ku yandi maradiyo.

**26min01sec**

Mwumve rero ikiganiro GAHIGI Gaspard yagiranye na NKURUNZIZA Ananiya wari uvuye, hum, gukora iperereza ku Gikongoro aho NZAMURAMBAHO avuka. Nimucyumve.

**Orateur : GAHIGI Gaspard, journaliste de la RTLM.**

**- Incuti mutwumva ndabashuhuje. Ni Gaspard GAHIGI ubashuhuje. "Prefegitura" ya Gikongoro yugarijwe n'inzara, amakomine cumi n'atatu ayigize yose ubu ngubu yugarijwe n'icyago cy'inzara, abantu inzara irabahitana cyangwa bagahitana.. n'indwara zisonga nyine abashonje, nka malaria n'amacinya.**

**Ariko uretse icyo cyago cy'inzara kivugwa muri "Prefegitura" ya Gikongoro, haravugwa n'ikindi kibazo cya politique, nkaba rero ndi hamwe na NKURUNZIZA Ananiya mumaze kumenyera. NKURUNZIZA Ananiya akaba avuye ku Gikongoro, ibyo by'inzara yarabibonye ntabwo nirwa mbigarukaho, ariko NKURUNZIZA Ananiya uvuye ku Gikongoro akambwira... akababwira mwe mutwumva ati "GAHIGI uretse icyo cyago**

**cy'inzara", ati "hari ikindi cyago cyugarije Préfecture ya Gikongoro", ati "ni umuntu witwa NZAMURAMBAHO Frederiko, Président w'ishyaka PSD". Bwana NKURUNZIZA uvuye ku Gikongoro, waganiriye n'abaturage, NZAMURAMBAHO na we abaye icyago nk'inzara?** **27min06sec**

**Orateur : NKURUNZIZA Ananie, journaliste de la RTLM.** **27min05sec**

- Murakoze Bwana GAHIGI. Mbanje gusuhuza na none incuti zumva RTLM. Ikibazo cy'inzara y'i Gikongoro ni ikibazo njye mbona atari icya Préfecture ya Gikongoro gusa, atari icy'u Rwanda rwonyine ahubwo ari ikibazo cy'abagiraneza bose bo ku isi nk'uko kandi na bo babihagurukiye gufasha abaturage b'iyo préfecture bari mu kangaratete.

Iyo préfecture koko rero irashonje ifite icyago, urebe nawe "prefectura" isonza yose amakomini uko ari cumi n'atatu akaba ashonje. Yego ntabwo ashonje kimwe, hariho nk'amakomine amwe y'Ubufundu nka Mudasomwa yegereye ishyamba, agace kegereye ishyamba usanga abaturage baradunda... baradundaguje kurushaho, hariho amakomine ee... yo muri Nyaruguru ahinga ibyayi, usanga abaturage na bo baradundaguje kubera ko bagiye babona udufranga bakatujugunya mu isoko, hari amakomine nka Commune imwe twavuga ya Kinyamakara ifite agapande kegeranye n'Umugezi wa Mwogo, aho na ho abaturage bashotse ibishanga baradundaguza. Ariko muri rusange rero ugasanga iyo "prefegitura" yarazahajwe n'amapfa. Izahazwa n'amapfa, ee... ku buryo abagiraneza bagumye guhurura ariko bikaba iyanga.

E...ayo mapfa, inzara, yica abantu. Ee... urugero twafata ni nka Commune ya Karama yo mu Bufundu iriya ee... iri muri za... ee... hafi aho ngaho ya "prefegitura" rwose hakurya ..ya gatoya ugana mu Rukondo, yapfushije abaturage mu mezi abiri, magana atatu na cumi na barindwi. Ni ko kuvuga ko mu kwezi kwa cumi na kabiri k'umwaka ushize, yapfushije abaturage ijana na mirongo urwenda na barindwi nk'uko wabivugaga bishwe n'inzara cyangwa se bagahitanwa n'indwara ee... zisumbiriza abashonje. Mu kwezi rero kwa mbere na none muri iyo Commune, yego abapfuye baragabanutse ariko na bwo barapfuye, ni benshi ugere... ufashe imibare ee...

K0145637

abantu bapfuye ijana na makumyabiri aba ari benshi cyane.

Ubwo rero iyo "prefegitura" umuntu yayihururiza, abumva Radiyo RTLM na Radiyo RTLM mwazirikana uko abo bavandimwe bacu bashonje.

Nk'uko wambazaga rero, abantu bagira icyago, akarere kagira icyago, ee... mu byago bavugaga ibibazo iyi "prefegitura" yagize, e... na Ministre... **30min00sec**

**Fin de la Face A.**

**FACE B.**

**Orateur : GAHIGI Gaspard, journaliste de la RTLM. 01min02sec**

**- ...u, uvuze ko yasonze iyo "prefectura", igishanga arabanza aragifata, ikindi iyo préfecture ishonje aho yakanguriye abantu iby'ubuhinzi, abakangurira gusa ibya politique ishingiye ku kubohoza. None rero Bwana Ananiya waganiriye n'abaturage, abo bantu bashonje, abo bantu NZAMURAMBAHO yatwaye ibishanga, abo bantu NZAMURAMBAHO yatumye batwika amashyamba, wumva bakimufiteho amaboko? Cyangwa batekereza ukundi?**

**Orateur : NKURUNZIZA Ananie, journaliste de la RTLM.**

- Ubwo nagezeyo, hn... narabajije cyane cyane urabona y'uko hagati aha ibi tuvuga byose ee... hagiye hazamo n'ibindi byago by'impurirane, ee... muri ako karere navuga cyane cyane nubwo u Rwanda rwose rwapfushije, e... muri ako karere bagize ibyago bindi by'umwihariko bapfusha Umunyamabanga mukuru w'ishyaka PSD tuzi twese rihiganje, apfa ndetse akurikirana na Président wa CDR, Maritini BUCYANA, na we waguye muri ako karere. Aho rero byabaye impurirane y'akaga kuko ee... nta wabihisha, abaturage bo muri ako karere bagize ibyago by'umwihariko nubwo mu gihugu hose ibyo byago byahageze.

Bambwiye rero ee... ko NZAMURAMBAHO, kuva GATABAZI yitaba Imana, atari yongera gukandagira muri ako karere k'iwabo. Ntabwo nashoboye... nashoboraga kwemeza niba koko ibyo bambwira ari byo kuko yashoboraga kuza ninjoro nabura agasura inka ze akongera akigendera, ubwo we akazavuga ati narahakandagiye. Ariko ku buryo bw'umugaragaro yari atarahakandagira.

Ikindi naje kubona rero ni uko abaturage, abenshi bari bamufitiye icyizere, hn... yari yara... bari bamukurikiye mu ishyaka, haraho bagira bati n'ishyaka ee... rifitwe n'umuntu w'iwacu, Président

n'uwacu reka natwe tumukurikire, abenshi ndumva, kuko nakurikiye amajwi yabo twaganiriye, abenshi baragira bati ii... "yaradutatiye". Aradutatira, ibyo ariko bijyana n'urwego rwa "polotike" ko n'iryo shyaka rye yari amaze iminsi aryegetse kuri FPR, kuko twakomeje kumwumva kuri Radiyo Rwanda ndetse na Radiyo y'Inkotanyi, atemberera ku Mulindi, azanamo ako kaduruvayo, urumva iyi nzara yabateye ee... ku mpamvu twahoze tuvuga zose na we arimo, ndumva nta cyo bavuga yabagobotsemo. **03min08sec**

Ee... n'abazaga rero abenshi bakambwira bati "ibya PSD nubwo tutanze amakarita ariko ntitukibireba", ndetse usanga basa n'abigiriye muri iriya.a..., icyo dusigaye twita *"Muvoma-power"*, ari ho abenshi bibereye.

